

# Ihame ry' umusaruro

## Umusaruro



*“Urugo rutabamo inka rubamo isuku, Ariko intege z’inka zihinga zitera kunguka.” Imigani 14:4*

Byandistwe na rwiyemezamirimo,  
John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.*

Ijambo umusaruro rishamikiye ku burumbuke cyangwa ifumbire. Ni bisuzo by’ umurimo. Kugira ifumbire rero ni ukugira ubushobozi bwo kubara umusaruro. Baravugaga ngo, “ubutaka bwiza ni ubufite ifumbire,” muri make bufite agaciro kuko burera. Buramutse bufashwe neza, bushobora kudukenura biciye ku bikorwa umusaruro utanga. Nkuko urugo rutagira inka ruhorana isuku, bityo rero iyo nta gikorwa nta musaruro. Ubutaka budafite ibikorwa ntacyo butugezaho. Kuko ibikorwa n’ umusaruro bihabera nibyo biduha inyungu. Nkuko ubutaka bufite ubushobozi bwo gusarurwa, ni mana nayo yaravuze, “mbahaye ububasha bwo kurema ubukire.” Ntabwo yigeze iduha ubukire, ariko yaduhaye ubushobozi bwo kububona. Inzira yo kububona ni ukugira igikorwa cyangwa cg umusaruro. Itegeko rya mbere ryahawe umuntu rivuga ko twera imbuto kandi tukororoka” (mubyare mwororoke). Imana yaremye byose, ni uko ibaha ubutware bwo kubireberera. icyo imana yaremye, cg yaduhaye, kiri mu maboko yacu.

Um unyebanki umwe yigeze gusura umuhinzi, wari umukiriya we. None ubwo yacaga iruhande rw’uruzitiro, areba inyubako zihari nziza, indabo, ibyatsi bikase neza, yaje gutwarwa n’ubwiza yahasanze. Nuko yaje kubwira wa muhinzi ati, “Imana yaguhaye umurima mwiza hano muri kino gishanga.” Ni uko umuhinzi areba imirima ye nuko yibuka umurava yahakoranye, maze arasubiza, “Nibyo! Yarabikoze. Ariko rero iyo uza kubabona ariwe uhakorera.” Bivuze ngo ubushobozi bwari mu butaka no muri

wa muhinzi. Ariko iyo bitaba umwete umuhinzi yahakoranye nta musaruro wari buboneke.

Muri buri mugabo cyangwa umugore hari ubushobozi bwo kugira urugo, urwuri cg umurimo. Ahasigaye haba ari ahacu kugira ngo dushyireho akacu. Imana yaduhaye ubushobozi hamwe n’imbaraga, kandi iduha n’ ibikoresho. Nitunanirwa, ntabwo ari ikosa ry’Imana. Akenshi biba ari, ni ukubura umusaruro. Hari ibintu bitatu by’ingenzi kuri buri wese mu gihe twifuzaga kugera kure:

1. Shakisha umusaruro: mu buzima ujye ukora iyo bwabaga.
2. Fata neza ibyo wakoze: ubyiteho kandi ubifate neza.
3. Bikoreshe neza udasese: upima ubwinshi ndetse n’ireme yabyo.

Inzira idufasha kugera ku musaruro ni uguhozaho umurava, bigaherekejwe n’ubuyobozi bwiza ku rundi ruhande. Ntabwo kuba twiteguye neza gusa bihagije. Ikigo cyitagira umusaruro ntacyo kigeraho. Kenshi umusaruro ugizwe no “kuguyaguya ibitagenda.” Tugomba rero no kugira ijisho ribona ibyiza mu butagenda—iki ni kimwe mu bimenyetso cy’umukozi

runaka ukorana umwete. Kubaka bitera umukungugu n’umwanda. Ikiraro gisukuye nta matungo acyiberamo. Ntabwo rero dushobora kugira umusaruro hatabayeho akavuyo.

Bimwe mu bigo bikomeye birimo kwiga ingingo zimwe zitoroshye: bamwe mu bayobozi batagira umusaruro, ariko bafite imyiteguro myiza (ibiraro bisukuye) usanga akenshi bamara amasaha menshi bishimira inyungu z’umurimo bakora gusa, bityo ntibagire umusaruro batanga. Niyo mpamvu bagabanya abakozi. Gutanga umusaruro bifatwa nkibitagezweho, usanga kandi rimwe na rimwe bisa n’akavuyo, nyamara mu nyuma bigacamo. Turashima Imana ko amatungo ateza umwanda—kuko aho niho umusaruro ubonekera.

*Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:*

**Umusingi ku byagezweho.**

### Ibabazo byo kwibazaho:

Ihirwe riboneka gusa iyo dushyize amaso ku murimo nicyo bidusaba kugera ku nzozi.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingenzibabwira kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed